**ITEKA RYA PEREZIDA Nº 131/01**
**RYO KU WA 14/09/2018 RITANGA**
**IMBABAZI**

Twebwe KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika,
Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003, ryavuguruwe mu 2015 cyane cyane mu ngingo zaryo, 109, iya 112 n'iya 176;
Dushingiye ku Itegeko nº 30/2013 ryo ku wa 24/5/2013 ryerekeye Imiburanishirize y'Imanza z'Inshinjabyaha cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 236, iya 237, iya 238, iya 239, iya 240, iya 241 n'iya 243;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

Ingingo ya mbere: Guhabwa imbabazi Madamu **INGABIRE Victoire Umuhoza** ahawe imbabazi ku gihano cy'igifungo yari asigaje ku gihano cy'igifungo cy'imyaka cumi n'itanu (15) yari yakatiwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza N0 RPA 0255/12/CS.

Ingingo ya 2: Ibyo uwahawe imbabazi agomba kubahiriza

Uwahawe imbabazi uvugwa mu ngingo ya mbere y'iri Teka agomba kubahiriza ibi bikurikira:
1 º kwiyereka umushinjacyaha wo ku Rwego rw'Ibanze rw'aho aba, aho ubushinjacyaha bukorera, no kumumenyesha Umudugudu, Akagari, Umurenge n'Akarere by'aho aba, mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) kuva iri teka ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda;

2 º kwitaba umushinjacyaha ku Rwego rw'Ibanze rw'aho atuye, aho ubushinjacyaha bukorera,
inshuro imwe mu kwezi (1) ku munsi wagenwe n'umushinjacyaha ku rwego rw'Ibanze.
Iyo bidashoboka kwitaba ku munsi wagenwe, asaba kutitaba mu nyandiko igenewe umushinjacyaha mbere y'uko uwo munsi ugera. Umushinjacyaha asubiza mu minsi itatu (3). Iyo adasubije bifatwa nkaho ubusabe bwemewe.

3 º gusaba Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze uruhushya igihe cyose ashatse kujya mu mahanga.Ibyo uwahawe imbabazi agomba kubahiriza bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo birangirana n'igihe cy'igifungo cyari gisigaye uwahawe imbabazi yababariwe.

Ingingo ya 3: Kwambura imbabazi Imbabazi za Perezida zishobora kwamburwa uwazihawe bitewe n'imwe mu mpamvu zikurikira:

1 º akatiwe kubera ikindi cyaha, mu rubanza rwabaye ndakuka;
2 º atubahirije kimwe mu byategetswe muri iri teka..
Iteka rya Perezida ryambura imbabazi rigaragaza impamvu imbabazi zambuwe

Ingingo ya 4: Inkurikizi zo kwamburwa imbabazi
Nyuma yo kwamburwa imbabazi, uwari wahawe imbabazi afungwa igice cy'igihano cy'igifungo yari asigaje, kibarwa uhereye ku munsi yambuwe imbabazi

Ingingo ya 5: Guhindura cyangwa kuvanaho ibitegetswe Ibitegetswe biteganyijwe mu ngingo ya 2
y'iri teka bishobora guhindurwa cyangwa kuvanwaho hakurikijwe imyifatire y'uwahawe imbabazi.
Uwahawe imbabazi ni we usaba ko ibitegetswe bihindurwa cyangwa bivanwaho.
Abisaba Perezida wa Repubulika mu nyandiko agaragaza impamvu, akagenera kopi Minisitiri ufite
ubutabera mu nshingano ze. Minisitiri ahita agira inama Perezida wa Repubulika, akimara kubona iyo kopi.

Ingingo ya 6: Abashinzwe gushyira mu bikowa iri teka Minisitiri w'Intebe na
Minisitiri w'Ubutabera bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

Ingingo ya 7: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka Ingingo zose z'amateka abanziriza iri
kandi zinyuranyije na ryo zivanweho.

Ingingo ya 8: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 14/09/2018